


**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IBARURA  
ISHAMI RY'IGIHUGU RISHINZWE IBARURA  
B.P. 46 KIGALI  
Tél.: 75992



**IBARURA RUSANGE RYA KABIRI  
RY'ABATURAGE N'IMITURIRE**

**(16 - 30 KANAMA 1991)**

## I. IJAMBO RY'IBANZE

Mu kwezi kwa Kanama 1991, u RWANDA ruzakora Ibarura Rusange rya kabiri ry'Abaturage n'Imiturire. Ibarura nk'iryo riheruka gukorwa mu mwaka w'1978.

Hazabaturwa abantu bose bazaba baraye mu Rwanda mu ijoro ry'ifatizo (ijoro ryo kuwa 15 rishyira uwa 16 Kanama 1991) ndetse n'abazaba baragiye mu ngendo z'igihe gito (zitarengenge amezi atandatu).

Ibarura rizatangira tariki ya 16 rirangire kuya 30 Kanama 1991. Muri icyo gihe nibwo abakarani b'ibarura bazabagenderera mu ngo zanyu baje kubabarura.

Tubaye tubashimiye ubwuzu muzabakirana.

## II. AMATEGEKO AGENGA IMIRIMO Y'IBARURA

- Itegeko-teka n° 18/77 ryo kuwa 26 Nyakanga 1977 ryerekeye imitunganyirize y'imirimo ya Sitatisitike;
- Iteka rya Perezida n° 36/10 ryo kuwa 14 Mutarama 1991 rishyiraho Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire;
- Iteka rya Minisitiri n° 02/91/10 ryo kuwa 19 Mata 1991 rigena abagize Komisiyo za Perefegitura n'iza Komini zishinzwe ibarura n'imikorere yazo.
- Iteka rya Minisitiri n° 03/91/10 ryo kuwa 30 Mata 1991 rishyiraho urutonde rw'ibibazwa mu ibarura.

**III. AHO AMAFARANGA AZAKORESHWA MU  
IBARURA YATURUTSE (Hakurikijwe  
Umushinga RWA/89/P02).**

- Repubulika y'u Rwanda
- Kanada
- Ubusuwisi
- Ikigega cy'Umuryango w'Abibumbye cyita ku Baturage (FNUAP)
- Ubuholandi
- Ububiligi
- Ubudage
- Porogaramu y'Umuryango w'Abibumbye wita ku Majyambere (PNUD).

**IV. ABATARWANDA NI BANGAHE?**

Ibarura ryerekana umubare nyakuri w'abatuye buri Perefegitura, buri Komini, buri Segiteri, ndetse na buri Selire zigize Igihugu cyacu.

MURI 1978, TWARI 4.831.527.  
MURI 1991, TURI BANGAHE ?

**V. TUMENYE IMIBEREHO YACU, TUBASHE  
KWITEGANYIRIZA**

Dusobanukirwe ku mibereho y'Abatutura rwanda mu ngeri zose; haba mu by'ubukungu, mu by'ubuvuzi, mu by'uburezi, mu miturire,... kugirango igihugu kibashe kuduteganyiriza; nko kubaka amashuri, amavuriro, kudushakira amazi meza, guteganya ibizadutunga, n'ibindi.

## VI. IBIZABAZWA MU IBARURA

Urupapuro rw'ibibazwa mu ibarura rufite muri rusange ibice bitatu by'ingenzi:

\* Igice cy'ibibazo by'iranga-rugo :

- aho rubarizwa (Perefegitura, Komini, Segiteri, Selire, ....).

\* Igice cy'ibibazwa buri muntu ubarurwa:

- ibiranga umuntu (amazina, igitsina, igihe yavukiye, aho yavukiye, ubwenegihugu,...);

- kumenya gusoma no kwandika, ubwoko bw' amashuri umuntu yize, umurimo umuntu akora,

- imbyaro za buri mugore cyangwa umukobwa urengeje imyaka 12, umubare w'abana be bavutse ari bazima, abakiriho n'abapfuye.

\* Igice cy'ibibazo byerekeye imiturire (uko inzu yubatse, aho bavoma, uburyo bwo kubonesha mu nzu n'ibindi).

## VII. AMABWIRIZA AGENGA IBARURA

1. Ibarura rikorerwa mu rugo, ntabwo rikorerwa ku karubanda. Umukarani w'Ibarura niwe ujya muri buri rugo ruri mu gapande k'ibarura ashinzwe.

2. Buri wese asabwe kubarurwa yakira neza umukarani w'ibarura kandi amuha ibisubizo by'ukuri.

3. Buri wese agomba kwirinda ibintu byose bishobora gutuma ibarura rigenda nabi (ibihuha, kwitiranya ibarura nimirimo ya politiki kandi idafitanye isano naryo;...).

4. Byaba byiza muri buri rugo bashatse uburyo bwo kwibuka abantu bazaba baharaye mu ijoro ry'ifatizo (nko kubandika ku rupapuro) kugirango bazashobore kubarurwa nta wibagiranye.

5. Impungenge ntizagombye kuboneka ku mabara y'ingwa zizakoreshwa mu gushyira inomero ku nzugi kuko abazazishyiraho bazakurikiza ibara ry'urugi kugirango izo nomero zishobore gusomeka.

IBISUBIZO  
NI  
IBANGA.

#### VIII. INZEGO ZISHINZWE IBARURA NI IZI:

- Komisiyo y'Ighigu ishinzwe Ibarura;
- Komisiyo y'Impuguke ishinzwe Ibarura;
- Ubuyobozi bw'Ibarura muri Minisiteri y'Imigambi ya Leta;
- Komisiyo za Perefegitura zishinzwe Ibarura;
- Komisiyo za Komini zishinzwe Ibarura.

## **IX. IBISOBANURO KU "IJORO RYIFATIZO".**

Ijoro ry'ifatizo ni ijoro ribanziriza umunsi wa mbere w'ibarura. Iryo joro ni ngombwa kugirango ubarura abe afite igihe (kimwe rukumbi cy'ifatizo) cy'ibisubizo byose bizatangwa mu minsiyose ibarura rizamara. Impamvu bakoresha ijambo "Ijoro ry'ifatizo" ni uko umunsi utangira nijoro.

N'ubwo ibarura rizamara iminsi cumi n'itanu (kuva tariki ya 16 kugeza kuya 30 Kanama 1991) imibare izatangazwa ni iyerekeye iryo joro gusa. Nta wagombye rero kongera kurigirira ubwoba kuko buri wese yiboneye ubwe ko nta nkurikizi mbi ryagize mu ibarura rya mbere ryabaye muri Kanama 1978.

## **X. UMUSOZO.**

IMIGENDEKERE MYIZA Y'IBARURA  
ISABA BURI WESE KURYITABIRA  
AGERAGEZA GUSUBIZA ABAKARANI  
B'IBARURA IBISUBIZO BY'UKURI KANDI  
AGAHARANIRA ICYATUMA IMIRIMO  
Y'IBARURA IGENDA NEZA.

IBARURA  
NI.  
IRYANYU

TUBIFURIJE KUZAGIRA IBARURA RIHIRE.